GUSURWA NA MAMA BABA MWANGAZA
MU I SEMINARI NTO YA NYUNDO

1.Intangiriro

Mu i Seminari Nto ya Nyundo yitiriwe mutagatifu Piyo wa Cumi yakiriye abashyitsi badasanzwe ku wa 01/05/2016, abo bakaba ari abakristu gatolika bibumbiye mu muryango wa Mama Baba Mwangaza.

Bimwe mu byaranze uyu munsi:

1. IGITAMBO CYA MISSA

Igitambo cy'Ukarisitiya cyayobowe na Padiri Mukuru wa Seminari Nto ya Nyundo, akikijwe n'abandi Basaseridoti hamwe n'imbaga y'abakristu bibumbiye mu muryango wa Mama Baba Mwangaza bagera kuri 770 n'abaseminari. Mu nyigisho yatanze, Padiri yibukije abari aho ko uruzinduko rw'abavandimwe baturutse muri Diyosezi ya Goma na Paruwasi Muhato babitewe n'urukundo bafitiye Kiliziya, ibi bikaba ari ubuzima bw'abakirisitu bemera, bityo bakaba bagomba gukomeza ubutumwa bwabo bakagera ku mpera z'isi.

2. IGIKORWA CYO KWISHIMIRA NO GUSHYIGIKIRA ABASEMINARI

Mu gihe cyo gushimira Imana, aba bakristu beretse imbaga y'abaseminari uburyo bifuza ko bamererwa neza maze umunsi ku wundi bagahitamo kuyikorera, kuyikunda no kuyizihira. Batanze ibiribwa bikurikira: ibishyimbo 814kg, amavuta y'ubuto 25L, umuceri imifuka 11, umunyu 15kg, makayabo (amafi) 240, amakara, ihene (4), ipaki y'impapuro. Byose hamwe bifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda angana na **ibihumbi magana inani na mirongo itatu na bitatu n'amafranga magana ane na mirongo itatu (833.430Frws)**.

3. IKIGANIRO

Uhagarariye Mama Baba Mwangaza yasobanuriye umuryango w'abaseminari n'abarezi babo amavu n'amavuko y'umuryango, avuga ku ntego z'umuryango izo arizo:

(1) Guhuriza abagore, abagabo n'urubyiruko mu bumwe bw'abana b'Imana(1 Co 12:12-31),

(2) Kurwanya amacakubiri hagati y'abagore (1Co13,1-13),

(3) Kurwanya amakimbirane hagati y'abagore, abagabo n'urubyiruko (Lk 1:37-38),

(4) Gufasha Kiliziya Gatolika kwerekana ishusho nyakuri ya Kristu mu bagabo, abagore n'urubyiruko (Mt 16,13-19). Umuryango wihatira gukurikiza inkingi eshatu arizo: isengesho, Ijambo ry'Imana, ibikorwa byiza.

Mu ijambo rye yavuze ko bakunda abaseminari kuko ari abana baba bazavamo abasaseridoti, arangiza yaboneyeho gushimira urugo rwa Seminari uburyo bakiriye icyifuzo cyabo, by'ikirenga Umubyeyi wacu Mgr Alexis HABIYAMBERE,s.j umutima w'urukundo yabakiranye bifuza kwamamaza ubutumwa muri Diyosezi ya Nyundo.
Padiri Mukuru wa Seminari Laurent NGENDAHAYO mu ijambo yabwiye iyo mbaga y'abemera, yibanze cyane cyane k'uburyo uyu muryango ugaragaza umutima mwiza ufasha Kiliziya, abasaba ko bazakomeza maze ibikorwa byabo bikazagera ku mpera z'isi.

4. Kwakira abashyitsi

Iyi mbaga y'Imana yakiriwe neza mu kibaya cya Kayanza kirerera Imana n'Igihugu cyacu, abaseminari babakiriye bakora akarasisi kandi bavuza fanfare bakoresheje amajwi agoroye kandi agororotse. Bakiriwe neza, barishima, turabishimira nkuko twabitojwe n'Iyaduhanze.

Ndahimana Albert, Umurezi mu i Seminari